**AMASEZERANO NTAYEGAYEZWA Y'IMPANDE ESHATU KU BYO KWISHYURA INGUZANYO KU MUSHAHARA**

**Abagiranye Amasezerano:**

**Access Bank (Rwanda) Plc.,** Ikigo cy'Ubucuruzi Gifite Uburyozwe Buhinnye n'imari shingiro ya 15,000,000,000 FRW, na Kode y'Ikigo: 100053886, Icyicaro Gikuru giherereye mu Igorofa rya 3 ry'inyubako nyubako ya KIC mu Mujyi wa Kigali, P.O BOX: 2059 Kigali, Rwanda, muri aya masezerano gihagarariwe na ……… na………. Umuyobozi Mukuru n'Umujyanama Mukuru mu by'Amategeko Mategeko akaba n'Umunyamabanga w'Ikigo, cyitwa muri aya masezerano **"Banki"** ku ruhande rumwe.

**Na**

**Bwana/Madamu ufite** Pasiporo/Indangamuntu **Nº…….. Tel: +250 ………..** hano witwa **"Usaba Inguzanyo"** ku rundi ruhande.

**Na**

**………………. (Izina ry'Umukoresha)** Uherereye i Kigali - Rwanda uhagarariwe na **Laurent ……………………** ufatwa nk **"umukoresha**" muri aya masezerano.

**BISABWE KO MURI AYA MASEZERANO HAJYAMO IBI BIKURIKIRA:**

Uwasabye Inguzanyo n'Umukoresha bemeye ko imishahara, pansiyo, imperekeza, Umufuragiro, n'ubwishyu bwose bw'Uwasabye Inguzanyo binyuzwa kuri Konti Isanzwe **Nº ……………. (RWF)** yafunguwe muri iyi Banki. Buri kwezi hazajya hakatwa **RWF ……………** ku mushahara kugira ngo hishyurwe inguzanyo.

Umukoresha agomba kubahiriza rwose ingingo zemeranyijweho muri aya masezerano, kandi amafaranga ntagomba kugira indi banki yoherezwaho Access Bank itabanje kubitangira uruhushya mu nyandiko.

Byumvikanyweho kandi byemeranyijweho n'impande zose ko nta masezerano anyuranyije n'aya, cyangwa ikindi gikorwa icyo ari cyo cyose cyatangijwe n'Umukoresha, cyangwa gishobora gutangwa n'Umukoresha cyatinza cyangwa ngo kibuze iyishyurwa cyangwa gushyira kuri konti amafaranga yose yavuye mu bushabitsi bw'Uwasabye Inguzanyo keretse iyo amasezerano y'akazi arangiye cyangwa yahagaritswe.

Uretse amasezerano yabanje yemewe ya Banki, aya masezerano niyo akomeza kubahirizwa kugeza igihe cyose ubwishyu bwose butanzwe, kandi cyaba igice cy'ubwishyu cyangwa ubwishyu bwose butanzwe mu buryo bunyuranyije n'aya masezerano ntibigomba kuba binyuranya na Banki.

Uwasabye Inguzanyo azishyura inyungu z'ubukererwe mu buryo bumwe n'ubwo kwishyura umwenda nyirizina kandi ubwishyu bw'izo nyungu buvanwa mu buryo ntayegayezwa kuri Konti yo muri Banki y'Uwasabye Inguzanyo.

Mu gihe habayeho kudashyira mu bikorwa kimwe mu bikubiye muri aya masezerano, Uwasabye Inguzanyo yemerera Banki gukoresha uburenganzira bwatangwa n'itegeko.

Aya masezerano azasobanurwa kandi ashyirwe mu bikorwa hakurikijwe amategeko ya Repubulika y'u Rwanda.

Mu gihe habayeho kutumvikana cyangwa amakimbirane mu gusobanura cyangwa gushyira mu ngiro aya masezerano, bigomba gukemurwa mu buryo bw'ubwumvikane.

Mu gihe binaniranye ko kutumvikana bikemurwa mu buryo bwavuzwe haruguru, ikibazo cyoherezwa mu nkiko z'u Rwanda zibifitiye ububasha.

Uwasabye Inguzanyo n'Umukoresha bagomba kubanza gushyiraho umukono bifashishije ikaramu n'intoki bandika bati: **"NEMEYE AYA MASEZERANO".**

Bikorewe i Kigali, **00 00 00**

**KU BWA: ACCESS BANK (RWANDA) PLC**

____________________________ ______________________

**UMUJYANAMA MUKURU MU MATEGEKO &UMUNYAMABANGA W'IKIGO** **UMUYOBOZI MUKURU**

**KU BWA: UWASABYE INGUZANYO**

______________________________

**IZINA …….**

**KU BWA: UMUKORESHA**

__________________

**IZINA N'UMWANYA ARIMO**